Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup

A. Itegeko/Law/Loi

Nº27/2016 ryo ku wa 08/07/2016
Itegeko rigenga imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura.....3
Nº27/2016 of 08/07/2016
Law governing matrimonial regimes, donations and successions……...3
Nº 27/2016 du 08/07/2016
Loi portant régimes matrimoniaux, libéralités et successions…….....3

B. Amateka ya Minisitiri w'Intebe / Prime Minister's Orders / Arrêtés du Premier Ministre

N°180/03 ryo ku wa 26/07/2016
Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho Umuyobozi Mukuru.....67
N°180/03 of 26/07/2016
Prime Minister's Order appointing a Director General.....67
N°180/03 du 26/07/2016
Arrêté du Premier Ministre portant nomination d'un Directeur Général…….....67

N°181/03 ryo ku wa 26/07/2016
Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho Umuyobozi Mukuru.....71
N°181/03 of 26/07/2016
Prime Minister's Order appointing a Director General.....71
N°181/03 du 26/07/2016
Arrêté du Premier Ministre portant nomination d'un Directeur Général…….71

N°182/03 ryo ku wa 26/07/2016
Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho Umuybozi w'Urwego.....75
N°182/03 of 26/07/2016
Prime Minister's Order appointing Head of Department.....75
N°182/03 du 26/07/2016
Arrêté du Premier Ministre portant nomination d'un Chef de Département……..……75

N°183/03 ryo ku wa 26/07/2016
Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho Umunyamabanga Nshingwabikorwa.....79
N°183/03 of 26/07/2016
Prime Minister's Order appointing Executive Secretary.....79
N°183/03 du 26/07/2016
Arrêté du Premier Ministre portant nomination d'un Secrétaire Exécutif……..79

N°184/03 ryo ku wa 26/07/2016
Iteka rya Minisitiri w'Intebe ryemerera Umuyobozi Mukuru guhagarika akazi mu gihe kitazwi.....83
N°184/03 of 26/07/2016
Prime Minister's Order granting a leave of absence for non specific period to a Director General…….83

N°184/03 du 26/07/2016
Arrêté du Premier Ministre autorisant une mise en disponibilité à un Directeur Général ….....83

N°185/03 ryo ku wa 26/07/2016
Iteka rya Minisitiri wIntebe rivana mu mutungo rusange wa Leta ubutaka n'inyubako biri mu gice kimwe cy'ikibanza……87
N°185/03 of 26/07/2016
Prime Minister's order transferring land and buildings located in one part of the plot from the state's public property……..87
N°185/03 du 26/07/2016
Arrêté du Premier Ministre portant désaffectation du domaine public de l'Etat du terrain et des constructions sis sur une partie d'une parcelle…….87

ITEGEKO Nº27/2016 RYO KU WA 08/07/2016 RIGENGA IMICUNGIRE Y'UMUTUNGO W'ABASHYINGIRANYWE, IMPANO N'IZUNGURA

LAW Nº27/2016 OF 08/07/2016 GOVERNING MATRIMONIAL REGIMES, DONATIONS AND SUCCESSIONS

LOI Nº27/2016 DU 08/07/2016 PORTANT REGIMES MATRIMONIAUX, LIBERALITES ET SUCCESSIONS

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

UMUTWE WA II: IMICUNGIRE Y'UMUTUNGO W'ABASHYINGIRANYWE

Ingingo ya 3: Igisobanuro cy'imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe

Ingingo ya 4: Ubwoko bw'imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe

Icyiciro cya mbere: Ivangamutungo rusange

Ingingo ya 5: Igisobanuro cy'ivangamutungo rusange

Ingingo ya 6: Imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe bahisemo ivangamutungo rusange

Ingingo ya 7: Iyishyurwa ry'imyenda

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

Article 2: Definition of terms

CHAPTER II: MATRIMONIAL REGIMES

Article 3: Definition of the matrimonial regime

Article 4: Types of matrimonial regimes

Section One: Community of property regime

Article 5: Definition of the community of property regime

Article 6: Management of property in the community of property regime

Article 7: Payment of debts

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet de la présente loi

Article 2 : Définition des termes

CHAPITRE II: REGIMES MATRIMONIAUX

Article 3: Définition du régime matrimonial

Article 4 : Types de régimes matrimoniaux

Section première: Régime de la communauté universelle

Article 5: Définition du Régime de la communauté universelle

Article 6: Gestion du patrimoine des époux mariés sous le régime de la communauté universelle

Article 7: Paiement des dettes

Ingingo ya 8: Iseswa ry'uburyo bw'ivangamutungo rusange n'inkurikizi zaryo	**Article 8: Dissolution of the community of property regime and its effects**	**Article 8: Dissolution du régime de la communauté universelle et ses effets**
Icyiciro cya 2: Ivangamutungo w'umuhahano	**Section 2: Limited community of property regime**	**Section 2: Régime de la communauté réduite aux acquêts**
Ingingo ya 9: Igisobanuro cy'ivangamutungo w'umuhahano	**Article 9: Definition of limited community of property regime**	**Article 9: Définition du régime de la communauté réduite aux acquêts**
Ingingo ya 10: Ibarura ry'umutungo	**Article 10: Inventory of property**	**Article 10: Inventaire du patrimoine**
Ingingo ya 11: Imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe mu buryo bw'ivangamutungo w'umuhahano	**Article 11: Management of property under the limited community of property regime**	**Article 11: Gestion du patrimoine des époux mariés sous le régime de la communauté réduite aux acquêts**
Ingingo ya 12: Iyishyurwa ry'imyenda yafashwe n'umwe mu bashyingiranywe	**Article 12: Payment of debts contracted by one of the spouses**	**Article 12: Paiement des dettes contractées par l'un des époux**
Ingingo ya 13: Iseswa ry'ivangamutungo w'umuhahanon'inkurikizi zaryo	**Article 13: Dissolution of the limited community of property regime and its effects**	**Article 13: Dissolution du régime de la communauté réduite aux acquêts et ses effets**
Icyiciro cya 3: Ivanguramutungo risesuye	**Section 3: Separation of property regime**	**Section 3: Régime de la séparation des biens**
Ingingo ya 14: Igisobanuro cy'ivanguramutungo risesuye	**Article 14: Definition of the separation of property regime**	**Article 14:Définition du régime de la séparation des biens**
Ingingo ya 15: Ububasha bwo gucunga umutungo	**Article 15: Power to administer property**	**Article 15: Pouvoir d'administration du patrimoine**
Ingingo ya 16: Iyishyurwa ry'imyenda	**Article 16: Payment of debts**	**Article 16: Payement des dettes**
Ingingo ya 17: Iseswa ry'ivanguramutungo risesuye n'inkurikizi zaryo	**Article 17: Dissolution of the separation of property regime and its effects**	**Article 17: Dissolution du régime de la séparation des biens et ses effets**
Icyiciro cya 4: Ingingo zihuriweho mu micungire y'umutungo w'abashyingiranywe	**Section 4: Common provisions on matrimonial regimes**	**Section 4: Dispositions communes aux régimes matrimoniaux**

Ingingo ya 18: Uburenganzira n'inshingano z'abashyingiranywe bikomoka ku gushyingirwa	**Article 18: Rights and duties of spouses arising from the marriage**	**Article 18: Droits et obligations des époux découlant du mariage**
Ingingo ya 19: Gusobanurira abagiye gushyingirwa uburyo bw'imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe	**Article 19: Explanations on types of matrimonial regimes to future spouses**	**Article 19: Explications sur les types de régimes matrimoniaux aux futurs époux**
Ingingo ya 20: Iyandikwa ry'uburyo bw'imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe	**Article 20: Recording the type of matrimonial regime**	**Article 20: Inscription du type de régime matrimonial**
Ingingo ya 21: Guhitamo uburyo bw'imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe ku muntu wahawe umujyanama cyangwa umwishingizi	**Article 21: Choice of type of matrimonial regime by a person provided with an adviser or a guardian**	**Article 21: Choix du type de régime matrimonial par la personne pourvue de conseiller ou de tuteur**
Ingingo ya 22: Guhindura uburyo bw'imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe	**Article 22: Modification of the type of matrimonial regime**	**Article 22: Changement de type de régime matrimonial**
Ingingo ya 23: Kwandikwa kw'ihinduka ry'uburyo bw'imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe	**Article 23: Recording modifications of the type of matrimonial regime**	**Article 23: Inscription des changements du type de régime matrimonial**
Ingingo ya 24: Ukwamburwa uburenganzira bwo gucunga umutungo	**Article 24: Deprivation of the right to administer property**	**Article 24: Déchéance du droit d'administration du patrimoine**
Ingingo ya 25: Impamvu z'iseswa ry'uburyo bw'imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe	**Article 25: Reasons for dissolution of type of matrimonial regime**	**Article 25: Raisons de la dissolution du type de régime matrimonial**
Ingingo ya 26: Amategeko agenga imicungire y'umutungo w'abanyamahanga bashyingiriwe mu Rwanda, umunyarwanda n'umunyamahanga bashyingiriwe mu Rwanda cyangwa mu mahanga cyangwa Abanyarwanda bashyingiriwe mu mahanga	**Article 26: Applicable law for matrimonial regimes for foreigners who celebrate their marriage in Rwanda, a Rwandan and a foreigner who celebrate their marriage in Rwanda or abroad or Rwandans who celebrate their marriage abroad**	**Article 26: Loi applicable aux régimes matrimoniaux des étrangers qui concluent leur mariage au Rwanda, d'un Rwandais et d'un étranger qui concluent leur mariage au Rwanda ou à l'étranger ou des Rwandais qui concluent leur mariage à l'étranger**

UMUTWE WA III: IMPANO ZITANZWE MU RWEGO RW'UMURYANGO	**CHAPTER III: FAMILY DONATIONS**	**CHAPITRE III: LIBERALITES A CARACTERE FAMILIAL**
Ingingo ya 27: Igisobanuro cy'impano itanzwe mu rwego rw'umuryango	**Article 27: Definition of family donation**	**Article 27: Définition d'une libéralité à caractère familial**
Ingingo ya 28: Uburyo impano itangwa mu rwego rw'umuryango	**Article 28: Modalities for family donation**	**Article 28: Modalités de faire une libéralité à caractère familial**
Ingingo ya 29: Ubwoko bw'impano	**Article 29: Types of donations**	**Article 29: Type de libéralités**
Icyiciro cya mbere: Impano hagati y'abakiriho	**Section One: Inter vivos donations**	**Section première: Libéralités entre vifs**
Ingingo ya 30: Igisobanuro cy'impano hagati y'abakiriho	**Article 30: Definition of inter vivos donations**	**Article 30: Définition de libéralités entre vifs**
Ingingo ya 31: Itegeko rigenga impano hagati y'abakiriho	**Article 31: Law governing inter vivos donations**	**Article 31: Loi régissant les libéralités entre vifs**
Ingingo ya 32: Kugira agaciro kw'impano hagati y'abakiriho	**Article 32: Effects of inter vivos donation**	**Article 32: Effet d'une libéralité entre vifs**
Ingingo ya 33: Guta agaciro kw'impano hagati y'abakiriho	**Article 33: Nullity of inter vivos donations**	**Article 33: Nullité d'une libéralité entre vifs**
Ingingo ya 34: Ikirego kigamije gutesha agaciro impano hagati y'abakiriho	**Article 34: Action to nullify an inter vivos donation**	**Article 34: Action en nullité d'une libéralité entre vifs**
Ingingo ya 35: Inkurikizi zo gutesha impano agaciro	**Article 35: Effect of the nullity of donation**	**Article 35: Effets de la nullité d'une libéralité**
Ingingo ya 36: Iseswa ry'impano hagati y'abakiriho	**Article 36: Revocation of an inter vivos donations**	**Article 36: Révocation d'une libéralité entre vifs**
Ingingo ya 37: Ikirego gisaba gusesa impano yatanzwe hagati y'abakiriho	**Article 37: Action to revoke inter vivos donation**	**Article 37: Action en révocation d'une libéralité entre vifs**

Ingingo ya 38: Inkurikizi z'iseswa ry'impano hagati y'abakiriho	**Article 38: Effects of revocation of an inter vivos donation**	**Article 38: Effet de la révocation d'une libéralité entre vifs**
Icyiciro cya 2: Indagano	**Section 2: Legacy**	**Section 2: Legs**
Ingingo ya 39: Igisobanuro cy'indagano	**Article 39: Definition of the legacy**	**Article 39: Définition de legs**
Ingingo ya 40: Ubwoko bw'indagano	**Article 40: Types of legacies**	**Article 40: Types de legs**
Ingingo ya 41: Inshingano zikomoka ku itangwa ry'indagano	**Article 41: Duties arising from legacy**	**Article 41: Devoirs découlant du legs**
Ingingo ya 42:Gutanga indagano ku itsinda ry'abantu bafite icyo bahuriyeho	**Article 42: Legacy to a linked group of persons**	**Article 42: Legs à un groupe de gens ayant des liens communs**
Ingingo ya 43: Inkurikizi z'indagano	**Article 43: Effects of legacy**	**Article 43: Effets du legs**
Ingingo ya 44: Guta agaciro kw'indagano	**Article 44: Nullity of legacy**	**Article 44: Nullité du legs**
Ingingo ya 45: Iseswa ry'indagano	**Article 45: Revocation of legacy**	**Article 45: Révocation du legs**
Icyiciro cya 3: Ingingo zihuriweho n'impano zitanzwe mu rwego rw'umuryango	**Section 3: Common provisions on family donations**	**Section 3: Dispositions communes aux libéralités à caractère familial**
Ingingo ya 46: Ikoreshwa ry'amategeko agenga amasezerano ku mpano zitanzwe mu rwego rw'umuryango	**Article 46: Application of contract law to family donations**	**Article 46: Application du droit des contrats aux libéralités à caractère familial**
Ingingo ya 47: Kwemera impano zitanzwe mu rwego rw'umuryango	**Article 47: Consent to family donations**	**Article 47: Consentement aux libéralités à caractère familial**
Ingingo ya 48: Umugabane w'ibishobora gutangwa	**Article 48: Disposable portion**	**Article 48: Quotité disponible**
Ingingo ya 49: Igenwa ry'umugabane w'ibishobora gutangwa	**Article 49: Determination of the disposable portion**	**Article 49: Détermination de la quotité disponible**

Ingingo ya 50: Amategeko akurikizwa ku mpano hagati y'abanyamahanga cyangwa umunyarwanda n'umunyamahanga	**Article 50: Applicable law for donation between foreigners or between a Rwandan national and a foreigner**	**Article 50: Loi applicable aux libéralités entre étranger ou entre un ressortissant rwandais et un étranger**
UMUTWE WA IV: IZUNGURA	**CHAPTER IV: SUCCESSION**	**CHAPITRE IV: SUCCESSION**
Icyiciro cya mbere: Igisobanuro cyo kuzungura n'itangira ry'izungura	**Section One: Definition of succession and the opening of the succession**	**Section première: Définition de la succession et l'ouverture de la succession**
Ingingo ya 51: Igisobanuro cyo kuzungura	**Article 51: Definition of succession**	**Article 51: Définition de la succession**
Ingingo ya 52: Itangira ry'izungura	**Article 52: Opening of succession**	**Article 52 : Ouverture de la succession**
Icyiciro cya 2: Abemerewe kuzungura	**Section 2: Persons eligible for succession**	**Section 2: Personnes éligibles à la succession**
Ingingo ya 53: Abahamagarirwa kuzungura	**Article 53: Persons called to succeed**	**Article 53: Personnes appelées à la succession**
Ingingo ya 54: Uburinganire bw'abana mu izungura	**Article 54: Equal treatment of children in succession**	**Article 54: Egalité des enfants en matière de succession**
Ingingo ya 55: Umuzungura	**Article 55: Heir**	**Article 55: Héritier**
Ingingo ya 56: Impamvu zituma habaho kwamburwa nta mpaka uburenganzira bwo kuzungura	**Article 56: Reasons for ultimate debarment from succession**	**Article 56: Raisons d'indignité successorale de plein droit**
Ingingo ya 57: Izindi mpamvu zishobora gutuma habaho kwamburwa uburenganzira bwo kuzungura	**Article 57: Other possible reasons for debarment from succession**	**Article 57: Autres raisons possibles d'indignité successorale**
Ingingo ya 58: Kwirengagiza impamvu zambura uburenganzira bwo kuzungura	**Article 58: Disregarding of reasons for debarment from succession**	**Article 58: Non-considération des raisons d'indignité successorale**
Ingingo ya 59: Inkurikizi zo kwamburwa uburenganzira bwo kuzungura	**Article 59: Effects of debarment from succession**	**Article 59: Effets de l'indignité successorale**

Icyiciro ka 3: Uko izungura rikorwa	**Section 3: Modalities for succession**	**Section 3: Modalités de succession**
Akiciro ka mbere: Izungura rikozwe ku buryo bw'irage	**Subsection One: Testamentary succession**	**Sous-section première: Succession testamentaire**
Ingingo ya 60: Uko izungura rikorwa	**Article 60: Modalities for succession**	**Article 60: Modalités de succession**
Ingingo ya 61: Igisobanuro cy'irage	**Article 61: Definition of the will**	**Article 61: Définition du testament**
Ingingo ya 62: Igihe irage rikorerwa	**Article 62:Period of making a will**	**Article 62: Période d'établissement du testament**
Ingingo ya 63: Ubushobozi bw'uraga	**Article 63: Capacity of the testator**	**Article 63: Capacité du testateur**
Ingingo ya 64: Ubushobozi bw'uragwa	**Article 64: Capacity of the legatee**	**Article 64:Capacité du légataire**
Ingingo ya 65: Uburyo irage rikorwamo	**Article 65: Procedure for making a will**	**Article 65: Procédure d'établissement d'un testament**
Ingingo ya 66: Ivugururwa ry'irage	**Article 66: Amendment of a will**	**Article 66: Révision du testament**
Ingingo ya 67: Itangazwa ry'irage	**Article 67: Disclosure of a will**	**Article 67: Révélation du contenu du testament**
Ingingo ya 68: Kugena mu irage uwegeranya umutungo uzungurwa	**Article 68: Appointment of an executor in a will**	**Article 68: Désignation de l´exécuteur testamentaire dans un testament**
Ingingo ya 69: Itegeko rikurikizwa mu nyandiko z'irage z'Umunyarwanda uba mu mahanga igihe ikiragwa kiri mu Rwanda	**Article 69: Law applicable to the wills made by a Rwandan residing outside Rwanda when the estate is in Rwanda**	**Article 69: Loi applicable aux testaments d'un Rwandais résidant à l'étranger lorsque le patrimoine successoral se trouve au Rwanda**
Ingingo ya 70: Inyandiko z'irage zikozwe n'umunyamahanga uba mu Rwanda	**Article 70: Wills made by a foreign national residing in Rwanda**	**Article 70: Testaments établis par un étranger résidant au Rwanda**

Ingingo ya 71: Ivanwaho ry'irage n'ingaruka zaryo	**Article 71: Revocation of a will and its effects**	**Article 71: Révocation du testament et ses effets**
Akiciro ka 2: Izungura rikozwe nta rage	**Subsection 2: Intestate succession**	**Sous-section 2: Succession ab intestat**
Ingingo ya 72: Igisobanuro cy'izungura rikozwe nta rage	**Article 72:Definition of intestate succession**	**Article 72: Définition de la succession ab intestat**
Ingingo ya 73: Urutonde rw'abazungura bahoraho	**Article 73: Order of regular heirs**	**Article 73: Ordre des héritiers réguliers**
Ingingo ya 74: Ihagararira mu izungura	**Article 74: Representation in succession**	**Article 74: Représentation à la succession**
Ingingo ya 75: Uburenganzira bw'uwapfakaye ku izungurwa ry'uwo bari barashyingiranywe	**Article 75: Right of the surviving spouse to the succession of the deceased spouse**	**Article 75: Droit de l'époux survivant à la succession de l'époux décédé**
Ingingo ya 76: Uburyo izungurwa rikorwamo mu gihe cy'ivangamutungo rusange	**Article 76: Succession modalities under the community of property regime**	**Article 76: Modalités de succession sous le régime de la communauté universelle**
Ingingo ya 77: Uburyo izungurwa rikorwamo mu gihe cy'ivangamutungo w'umuhahano	**Article 77: Succession modalities under the limited community of property regime**	**Article 77: Modalités de succession en cas de régime de la communauté réduite aux acquêts**
Ingingo ya 78: Uburyo izungurwa rikorwamo mu gihe cy'ivanguramutungo risesuye	**Article 78: Succession modalities under the separation of property regime**	**Article 78: Modalités de succession sous le régime de séparation de biens**
Ingingo ya 79: Icungwa ry'umutungo w'uwapfuye mu gihe cy'ivanguramutungo risesuye iyo abana batarageza ku myaka y'ubukure	**Article 79: Administration of the property of the de cujus under the separation of property regime when children are minor**	**Article 79: Gestion du patrimoine du de cujus sous régime de la séparation des biens au cas où les enfants sont mineurs**
Akiciro ka 3: Izungura ridafite nyiraryo	**Subsection 3: Unclaimed succession**	**Sous- section 3: Succession en déshérence**
Ingingo ya 80: Igisobanuro cy'izungura ridafite nyiraryo	**Article 80: Definition of the unclaimed succession**	**Article 80: Définition de la succession en déshérence**

Ingingo ya 81: Inshingano za Leta mu gihe izungura ridafite nyiraryo	**Article 81: Obligation of the State in case of unclaimed succession**	**Article 81: Obligation de l'Etat en cas d'une succession en déshérence**
Ingingo ya 82: Uko izungura ridafite nyiraryo rikorwa	**Article 82: Procedure for succession in case of unclaimed succession**	**Article 82: Procédure de succession en déshérence**
Icyiciro cya 4: Iyegeranya n'igabanya ry'ibizungurwa	**Section 4: Liquidation and partition of the estate**	**Section 4: Liquidation et partage du patrimoine successoral**
Akiciro ka mbere: Iyegeranya ry'ibizungurwa n'Inama ishinzwe iby'izungura	**Subsection One: Liquidation and Succession Council**	**Sous-section première: Liquidation de la succession et Conseil Successoral**
Ingingo ya 83: Kwegeranya ibizungurwa	**Article 83: Liquidation of the estate**	**Article 83: Liquidation du patrimoine successoral**
Ingingo ya 84: Inama ishinzwe iby'izungura	**Article 84: Succession Council**	**Article 84: Conseil Successoral**
Ingingo ya 85: Inshingano z'Inama ishinzwe iby'izungura	**Article 85: Responsibilities of the Succession Council**	**Article 85: Responsabilités du Conseil Successoral**
Ingingo ya 86: Ushinzwe kwegeranya umutungo uzungurwa	**Article 86: Liquidator**	**Article 86: Liquidateur**
Ingingo ya 87: Kwishyura imyenda ikurwa mu mutungo uzungurwa	**Article 87: Payment of debts attaching to the estate**	**Article 87: Règlement des dettes au patrimoine successoral**
Akiciro ka 2: Uburenganzira bwo kwemera cyangwa kwanga kuzungura	**Subsection 2: Right to accept or renounce the succession**	**Sous-section 2: Droit d'accepter ou de renoncer à la succession**
Ingingo ya 88: Kwemera kuzungura	**Article 88: Acceptance of succession**	**Article 88: Acceptation de la succession**
Ingingo ya 89: Guhitamo kuzungura	**Article 89: Exercising the right of option in succession**	**Article 89: Exercice de l'option successorale**
Ingingo ya 90: Inkurikizi zo kwemera kuzungura	**Article 90: Effects of acceptance of succession**	**Article 90: Effets de l´acceptation de la succession**

Ingingo ya 91: Uburyo kwanga kuzungura bikorwamo	**Article 91: Modalities for renunciation of succession**	**Article 91: Modalités de renonciation à la succession**
Ingingo ya 92: Inkurikizi zo kwanga kuzungura	**Article 92: Effects of renunciation of succession**	**Article 92: Effets de la renonciation à la succession**
Ingingo ya 93: Ukwisubiraho mu guhitamo kuzungura	**Article 93: Revocability of the right of option in succession**	**Article 93: Révocabilité de l'option successorale**
Akiciro ka 3: Kugabana umutungo uzungurwa	**Subsection 3: Partition of the estate**	**Sous-section 3: Partage du patrimoine successoral**
Ingingo ya 94: Igabana ry'umutungo	**Article 94: Partition of the property**	**Article 94:Partage du patrimoine**
Ingingo ya 95: Uburyo igabana rikorwamo	**Article 95: Modalities for partition**	**Article 95: Modalités de partage**
Ingingo ya 96: Icungwa ry'umutungo wazunguwe n'abana bataragira imyaka y'ubukure	**Article 96: Administration of the property inherited by minors**	**Article 96: Administration du patrimoine hérité par les enfants mineurs**
Ingingo ya 97: Inkurikizi z'igabana	**Article 97: Effects of partition**	**Article 97: Effets du partage**
Ingingo ya 98: Kugaruza ibyarenze mu gihe cy'itangwa ry'impano	**Article 98: Claim for return of donations in excess of the freely disposable portion**	**Article 98: Action en rétrocession en cas de libéralités excessives**
Ingingo ya 99: Igabana ry'ubutaka buzungurwa	**Article 99: Partition of inheritable land**	**Article 99: Partage successoral de la propriété foncière**
UMUTWE WA V: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA	**CHAPTER V: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE V: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**
Ingingo ya 100: Itegeko rikurikizwa ku manza zikiburanishwa mu nkiko	**Article 100: Applied law for cases pending before courts**	**Article 100: Loi applicable aux affaires en cours dans les juridictions**
Ingingo ya 101: Itegeko rikurikizwa mu izungura igihe igabana ritaraba	**Article 101: Law applicable to succession in respect of which partition remains pending**	**Article 101:Loi applicable à la succession dont le partage demeure en suspens**

Ingingo ya 102: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	**Article 102: Drafting, consideration and adoption of this Law**	**Article 102: Initiation, examen et adoption de la présente loi**
Ingingo ya 103: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranije n'iri tegeko	**Article 103: Repealing provision**	**Article 103: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 104: Igihe iri itegeko ritangira gukurikizwa	**Article 104: Commencement**	**Article 104: Entrée en vigueur**

ITEGEKO Nº27/2016 RYO KU WA 08/07/2016. RIGENGA IMICUNGIRE Y'UMUTUNGO W'ABASHYINGIRANYWE, IMPANO N'IZUNGURA

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 29 Werurwe 2016;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 15, iya 16, iya 17, iya 18, iya 19, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120 n'iya 176;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye guca burundu ivangura iryo ari ryo ryose rikorerwa abagore yashyiriweho umukono i New York ku wa 18 Ukuboza 1979, yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida nº 431/16 ryo ku wa 10 Ugushyingo 1980;

Ishingiye ku Masezerano y'inyongera ku Masezerano Nyafurika yerekeye uburenganzira

LAW Nº27/2016 OF 08/07/2016 GOVERNING MATRIMONIAL REGIMES, DONATIONS AND SUCCESSIONS

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 29 March 2016;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 15, 16, 17, 18, 19, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120 and 176;

Pursuant to the Convention on the Elimination of All Forms of Discrimination against Women opened for signature in New York on 18 December 1979, ratified by Presidential Order nº 431/16 of 10 November 1980;

Pursuant to the Protocol to the African Charter on Human and People's Rights on the Rights of

LOI Nº27/2016 DU 08/07/2016. PORTANT REGIMES MATRIMONIAUX, LIBERALITES ET SUCCESSIONS

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

LE PARLEMENT :

La Chambre des Députés, en sa séance du 29 mars 2016;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 15, 16, 17, 18, 19, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120 et 176;

Vu la Convention sur l'Elimination de toutes les Formes de Discrimination à l'égard des Femmes ouverte à la signature à New York le 18 décembre 1979, ratifiée par Arrêté Présidentiel nº 431/16 du 10 novembre 1980;

Vu le Protocole à la Charte Africaine des Droits de l'Homme et des Peuples relatif aux droits des

bwa muntu n'ubw'abaturage, yerekeye uburenganzira bw'umugore yashyiriweho umukono i Maputo ku wa 11 Nyakanga 2003, yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida nº 11/01 ryo ku wa 24 Kamena 2004;

Women in Africa opened for signature in Maputo on 11 July 2003, ratified by Presidential Order nº 11/01 of 24 June 2004;

femmes en Afrique ouvert à la signature à Maputo le 11 juillet 2003, ratifié par Arrêté Présidentiel nº 11/01 du 24 juin 2004 ;

Isubiye ku Itegeko n° 22/99 ryo ku wa 12 Ugushyingo 1999 ryuzuza igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura;

Having reviewed Law nº 22/99 of 12 November 1999 to supplement Book One of the Civil Code and to institute Part Five regarding Matrimonial Regimes, Liberalities and Successions;

Revu la Loi nº 22/99 du 12/11/1999 complétant le livre premier du code civil et instituant la cinquième partie relative aux régimes matrimoniaux, aux libéralités et aux successions;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier: Objet de la présente loi

Iri tegeko rigenga imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano zitanzwe cyangwa zakiriwe mu rwego rw'umuryango n'izungura.

This Law governs matrimonial regimes, donations granted or received within a family and successions.

La présente loi régit les régimes matrimoniaux, les libéralités offertes ou reçues au sein d'une famille et les successions.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definition of terms

Article 2 : Définition des termes

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanurwa ku buryo bukurikira:

In this Law, the following terms are defined as follows:

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après sont définis comme suit:

1° **abazungura bazigamirwa:** uwapfakaye n'abana bemewe n'amategeko;

1° **rightful heirs:** the surviving spouse and legitimate children;

1° **héritiers réservataires:** époux survivant et enfants légitimes ;

2° **ibizungurwa bizigamirwa:** umutungo umuntu atemerewe gutanga cyangwa kuraga kuko uba ugenewe abazungura bazigamirwa;

2° **reserved portion of a succession**: portion of property that a person is not allowed to

2° **réserve successorale**: portion du patrimoine dont une personne ne peut disposer par voie de donation ou

	dispose of by donation or testament because it is reserved for rightful heirs;	testament, parce qu'elle est réservée aux héritiers réservataires;
3° **inshumbushanyo:** agaciro k'ibigomba gutangwa n'umuzungura wegukana umugabane ufite agaciro gasumba agakwiranye n'ibintu yakagombye kugiraho uburenganzira mu gihe cy'izungura;	3° **compensation**: the property value which has to be transferred by an heir who, during succession execution, has received the portion whose value is more than the property which he/she had right to;	**3° soulte**: valeur de ce qui doit être remis par un héritier qui, lors de l'exécution d'une succession, a reçu la portion dont la valeur est supérieure au patrimoine auquel il avait droit;
4° **ubuhemu:** igikorwa icyo aricyo cyose gikozwe ku bushake n'uwahawe, cyagira ingaruka mbi kuwahaye umuntu, nko kumwica cyangwa kugerageza kumwica, kumugambanira, kumwima ubufasha igihe bigaragara ko abukeneye bidasubirwaho, gutanga ubuhamya bw'ibinyoma byamuviramo igihano gikomeye;	4° **ingratitude**: any intentional act by the receiver which may constitute such a negative effect to the donor like causing death to him/her or assaulting his/her life, conspiring against him/her, denying him/her a seriously needed assistance, subjecting him/her to false accusations or perjury that may entail a heavy penalty against him/her;	4° **ingratitude**: tout acte volontaire du receveur qui peut constituer un effet négatif sur le donataire tel que causer sa mort ou attenter à sa vie, comploter contre lui, lui refuser l'assistance dont il a ostensiblement besoin, porter une dénonciation calomnieuse ou de faux témoignage contre lui pouvant donner lieu à une lourde peine à son endroit;
5° **umutungo:** ibintu byose umuntu atunze, ari ibifatika n'ibidafatika, imyenda, hamwe n'uburenganzira n'inshingano abifiteho;	5° **property:** all the assets of a person, including tangible and intangible assets, liabilities as well as rights and obligations attached thereto;	5° **patrimoine**: tous les biens d'une personne, comprenant les biens corporels et incorporels, le passif ainsi que les droits et les obligations y rattachés;
6° **umutungo uzungurwa:** umutungo wose usizwe n'uwapfuye kandi wemerewe kuzungurwa.	6° **estate**: the entire property left by the de cujus and which is subject to succession.	6° **patrimoine successoral**: tout le patrimoine laissé par le de cujus qui doit faire l'objet de succession.

UMUTWE WA II: IMICUNGIRE Y'UMUTUNGO W'ABASHYINGIRANYWE

Ingingo ya 3: Igisobanuro cy'imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe

Imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe ni uburyo buteganywa n'iri tegeko abashyingiranywe bumvikanaho mu gucunga umutungo wabo.

Ingingo ya 4: Ubwoko bw'imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe

Ubwoko bw'imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe ni ubu bukurikira:

1° ivangamutungo rusange;

2° ivangamutungo w'umuhahano;

3° ivanguramutungo risesuye.

Icyiciro cya mbere: Ivangamutungo rusange

Ingingo ya 5: Igisobanuro cy'ivangamutungo rusange

Ivangamutungo rusange ni amasezerano abashyingiranywe bagirana bakumvikana gushyira hamwe umutungo wabo wose.

CHAPTER II: MATRIMONIAL REGIMES

Article 3: Definition of the matrimonial regime

Matrimonial regime is a system provided for by this Law and according to which spouses agree to manage their property.

Article 4: Types of matrimonial regimes

The types of matrimonial regimes are the following:

1° community of property regime;

2° limited community of property regime;

3° separation of property regime.

Section One: Community of property regime

Article 5: Definition of the community of property regime

The community of property regime is a contract by which the spouses opt for joint ownership of all their property.

CHAPITRE II: REGIMES MATRIMONIAUX

Article 3: Définition du régime matrimonial

Le régime matrimonial est un système prévu par la présente loi et selon lequel les époux se conviennent pour gérer leur patrimoine conformément aux dispositions de la présente loi.

Article 4 : Types de régimes matrimoniaux

Les types de régimes matrimoniaux sont les suivants:

1° régime de la communauté universelle;

2° régime de la communauté réduite aux acquêts;

3° régime de la séparation des biens.

Section première: Régime de la communauté universelle

Article 5: Définition du Régime de la communauté universelle

Le régime de la communauté universelle est un contrat par lequel les époux conviennent de mettre en commun tout leur patrimoine.

Ingingo ya 6: Imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe bahisemo ivangamutungo rusange

Gucunga umutungo bijyana n'ububasha bwo kuwukoresha uko bikwiye, kuwikenuza, kuwutanga no kuwugurisha haseguriwe ibyo amategeko ateganya.

Abashyingiranywe bahisemo ivangamutungo rusange bacungira hamwe umutungo wabo, kandi bakagira ububasha bungana bwo kuwukurikirana no kuwuhagararira.

Umutungo wose wanditse kuri umwe mu bashyingiranywe ubarirwa mu mutungo w'abashyingiranywe mu buryo bw'ivangamutungo rusange.

Article 6: Management of property in the community of property regime

The management of property comprises the powers of administration, enjoyment, disposal and sale subject to exceptions provided by the law.

Spouses under the community of property regime manage the property together and have the same right to recover the property if taken, and act as legal representative of the property.

Any property registered in one spouse's name is part of the property belonging to spouses under the community of property regime.

Article 6: Gestion du patrimoine des époux mariés sous le régime de la communauté universelle

La gestion du patrimoine comprend tous les pouvoirs d'administration, de jouissance, de disposition et de vente sous réserve des exceptions prévues par la loi.

Les époux mariés sous le régime de la communauté universelle gèrent de commun accord leur patrimoine et ont le même pouvoir de suivi et de représentation sur ce patrimoine.

Tout bien enregistré au nom de l'un des époux fait partie du patrimoine appartenant aux époux mariés sous le régime de la communauté universelle.

Ingingo ya 7: Iyishyurwa ry'imyenda

Abashyingiranywe bafatanya kwishyura imyenda yafashwe mbere na nyuma yo gushyingirwa.

Article 7: Payment of debts

Spouses are jointly liable for debts contracted before and after their marriage.

Article 7: Paiement des dettes

Les époux restent tenus conjointement responsables des dettes nées avant et après leur mariage.

Ingingo ya 8: Iseswa ry'uburyo bw'ivangamutungo rusange n'inkurikizi zaryo

Iyo uburyo bw'ivangamutungo rusange busheshwe ku mpamvu z'ubutane cyangwa guhindura uburyo bw'imicungire y'umutungo, abari barashyingiranywe kuvanga umutungo bagabana ku buryo bungana cyangwa mu bundi buryo bumvikanye imitungo n'imyenda. Icyakora, urukiko rushobora gutegeka ko agaciro

Article 8: Dissolution of the community of property regime and its effects

Where dissolution of community of property regime occurs following divorce or change in the type of matrimonial regime, those whose marriage was under the community of property regime, share equally or according to any other agreed-upon method the assets and liabilities of the community. However, the court may order

Article 8: Dissolution du régime de la communauté universelle et ses effets

En cas de dissolution du régime de la communauté universelle pour des raisons de divorce ou de changement de type de régime matrimonial, les époux qui s'étaient mariés sous le régime de la communauté universelle se partagent en parts égales ou selon tout autre mode convenu l'actif et le passif de la communauté. Toutefois, la juridiction peut

k'ibyangijwe n'umwe mu bashyingiranywe gakurwa mu mugabane we.

that the value of damages caused by either spouse be deducted from his/her share.

ordonner que le montant des dommages causés par l'un des époux soit déduit de la part qui lui revient.

Iyo ubwo buryo busheshwe kubera urupfu rw'umwe mu bari barashyingiranywe, umutungo wegukanwa n'uwapfakaye kugeza igihe izungura rikorewe.

Where dissolution of such a regime occurs due to death of one of the spouses, the property is owned by the surviving spouse until succession execution.

En cas de dissolution d'un tel régime suite au décès de l'un des époux, le patrimoine devient la propriété de l'époux survivant jusqu'à l'exécution de la succession.

Iyo iseswa ry'ivangamutungo ritewe n'impamvu zivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ibikoresho bidashobora gusangirwa n'ibikoreshwa mu kazi k'umwe mu bashyingiranywe bishyirwa mbere na mbere mu mugabane w'usanzwe abikoresha.

If the dissolution of community of property regime occurs following the reasons referred to under Paragraph One of this Article, items of personal and professional use are preferably included in the share of the spouse who uses them.

En cas de dissolution du régime de la communauté universelle pour des raisons visées à l'alinéa premier du présent article, les biens à usage personnel et professionnel reviennent par préférence à l'époux qui en fait usage.

Ababerewemo umwenda bafite uburenganzira bwo gusaba kwishyurwa imyenda yafashwe n'abashyingiranywe mbere yo gusesa uburyo bw'ivangamutungo rusange.

Creditors have the right to claim payment for debts contracted by spouses before the dissolution of the marriage of the community of property regime.

Les créanciers ont le droit de poursuivre le payement des dettes contractées par les époux avant la dissolution du régime de la communauté universelle.

Iyo uburyo bw'ivangamutungo rusange busheshwe hari ababerewemo umwenda batashoboye kumenya iby'iryo hinduka ngo babashe gusaba ko bishyurwa mbere, bashobora guhitamo gukurikirana umwe cyangwa undi cyangwa bose mu bari baravanze umutungo ku mwenda wose.

Where dissolution of the community of property regime occurs while there are some creditors who do not know about it, such creditors may opt to claim the total payment from either spouse or both.

Lorsque la dissolution du régime de la communauté universelle a lieu alors qu'il existe des créanciers qui n'en sont pas informés, ces derniers peuvent choisir de poursuivre l´un ou l´autre des époux pour le paiement de la totalité de la dette ou les deux conjointement.

Icyiciro cya 2: Ivangamutungo w'umuhahano

Section 2: Limited community of property regime

Section 2: Régime de la communauté réduite aux acquêts

Ingingo ya 9: Igisobanuro cy'ivangamutungo w'umuhahano

Article 9: Definition of limited community of property regime

Article 9: Définition du régime de la communauté réduite aux acquêts

Ivangamutungo w'umuhahano ni amasezerano abashyingiranywe bagirana bakumvikana gushyira

Limited community of property regime is a contract by which spouses agree to pool their

Le régime de la communauté réduite aux acquêts est un contrat par lequel les époux

hamwe umutungo bazahaha bari kumwe kuva ku munsi w'ishyingirwa, kimwe n'ibyo bungutse mu mibanire yabo, bakorera hamwe cyangwa buri wese ku giti cye, byaba impano cyangwa ibizungurwa.

Ingingo ya 10: Ibarura ry'umutungo

Igihe cyo gukora amasezerano yo gushyingirwa, hashingiwe ku byo abashyingiranwa ubwabo bumvikanyeho, hakorwa ibaruramutungo ryerekana umutungo bwite wa buri wese kimwe n'umutungo buri wese ageneye iremezo ry'urugo iyo uhari. Inyandiko y'imenyekanishamutungo ishyirwaho umukono n'abagiye gushyingirwa ndetse n'Umwanditsi w'Irangamimerere.

Ikintu cyose kitabaruwe nk'umutungo w'iremezo ry'urugo kiba ari icya nyiracyo.

Ingingo ya 11: Imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe mu buryo bw'ivangamutungo w'umuhahano

Abashyingiranywe bavanze umutungo w'umuhahano bawucunga mu buryo bumvikanyeho bombi, bafite kandi uburenganzira bungana bwo gukurikirana no guhagararira uwo mutungo basangiye.

Buri wese afite ububasha bwo gukoresha, kwikenuza, gutanga no kugurisha umutungo yigengaho. Inyungu n'ibindi byose byabyawe n'umutungo buri wese yigengaho bishyirwa muri uwo mutungo we.

respective properties owned from the day of marriage celebration, as well as the property acquired during marriage by a common or separate activity, donation or succession.

Article 10: Inventory of property

At the moment of the making of the marriage contract, there is, basing on the prospective spouses' compromise, created an inventory of property of each spouse, and any property, if any, each spouse has set apart for the basis of their household. The inventory is signed by both the prospective spouses and the Civil Status Registrar.

Anything that is not listed as the basis of their household is considered personal property.

Article 11: Management of property under the limited community of property regime

Spouses under the limited community of property regime manage the property basing on their common agreement; they also have the same right to follow up and act as legal representative of this common property.

Each spouse has the powers of administration, enjoyment and free disposal of his/her personal property. Any fruits and revenues produced by the spouse's personal property is part of his/her property.

conviennent de mettre en commun leurs apports respectifs à partir de la célébration du mariage, ainsi que les biens acquis, pendant le mariage, par l'activité commune ou séparée, à titre de don ou de succession.

Article 10: Inventaire du patrimoine

Au moment de la rédaction du contrat de mariage, il est établi, sur base du compromis entre les futurs époux, un inventaire du patrimoine propre de chaque époux, ainsi que le patrimoine, s'il y en a, que chaque époux a constitué comme base de leur foyer. L'inventaire est signé par les futurs époux et l'Officier de l'Etat Civil.

Tout ce qui n'est pas inventorié comme la base de leur foyer est considéré comme un bien personnel.

Article 11: Gestion du patrimoine des époux mariés sous le régime de la communauté réduite aux acquêts

Les époux mariés sous le régime de la communauté réduite aux acquêts gèrent leur patrimoine de commun accord; ils ont également le même droit de suivi et de représentation sur ce patrimoine commun.

Chaque époux a le droit d´administration, de jouissance et de libre disposition de son patrimoine propre. Les fruits et autres revenus du patrimoine propre de l'époux sont affectés au patrimoine propre de celui-ci.

Ingingo ya 12: Iyishyurwa ry'imyenda yafashwe n'umwe mu bashyingiranywe

